Kwandika inkuru zishimisha abana

Iyo ni intego y'ibanze y'umuryango ILLUSAFRICA. Mu gihe cy'ibyumweru bibiri, kuva tariki ya mbere kugeza kuya 15 Ugushyingo 2004, uwo muryango ufatanyije na Editions Bakame, wakoresheje amahugurwa y'icyiciro cya gatatu, ku banditsi 6 n'abashushanya 9.

Ayo mahugurwa yibanze ahanini ku kunononsora inkuru zigenewe abana no kureba niba zijyana koko n'ama-shusho yazikorewe, nyuma hagakorwa umushinga w'igitabo (maquette) ushyikirizwa inzu z'ubwandikiro bw'ibitabo (maison d'édition).

ILLUSAFRICA ni umuryango w'abahanzi bandika bakanashushanya inkuru z'abana zikubiye mu bitabo, wavukiye mu Bubiligi mu mwaka wa 2001, ari naho ufite icyicaro gikuru.
Muri iki gihe, uwo muryango umaze kugaba amashami mu bihugu byinshi by'Afurika.
Mu mwaka wa 2002 nibwo ILLUSAFRICA yakoresheje amahugurwa ya mbere mu Rwanda, kuva tariki ya 4 kugeza kuya 18 Nzeri, abera i Kigali mu kigo cyitiriwe Mutagatifu Pawulo.

Ayo mahugurwa asozwa, hashyizweho ishami ry'uwo muryango mu Rwanda (ILLUSAFRICA/RWANDA). Amahugurwa y'icyiciro cya kabiri nayo yabereyé muri icyo kigo kuwa tariki ya 5 kugeza kuya 18 Werurwe 2003, abanyamuryango ba ILLUSAFRICA -RWANDA bakomeza kunoza inkuru z'abana bari batangiye mu wa 2002 no kuzijyanisha n'amashusho yahanzwe n'abashushanya.

Izo nkuru zibandwaho n'abanyamuryango ba ILLUSAFRICA ni izo bahanga zishimishije, ariko zikaba zishingiye ku muco nyafurika muri rusange, n'umuco nyarwanda by'umwihariko.

Uwo muryango kandi ni n'urubuga rw'abahanzi b'abanyafurika, kugira ngo bashobore kwisanzura no kunguranа ibitekerezo.
Muri ayo mahugurwa kandi, abahanzi b'abanyafurika baboneraho no kuvumbura imirimo inyuranye ivuka ku bwanditsi bw'igitabo, yashobora gutunga abantu benshi.

Abahuguwe na ILLUSAFRICA ifatanyije na Editions Bakame

Ntibyoroshye kwandika igitabo

Ayo mahugurwa y'icyiciro cya gatatu yafunguwe ku mugaragaro na Minisitiri w'urubyiruko, umuco na siporo, Bwana Yosefu Habineza. Yashimiye ILLUSAFRICA na Editions Bakame bagize icyo gitekerezo cyo guhugura abantu baha abana b'Abanyarwanda amahirwe yo gusoma no kujijuka. Aboneraho gusaba abahugurwaga gushishikarira ayo masomo, maze mu bihe biri imbere ibihangano byabo bikazasakara mu Rwanda hose, haba mu Kinyarwanda cyangwa se mu ndimi z'amahanga.

Amasomo yatanzwe na Dominique Mwankumi hamwe na Jean Claude Kimona ashingira ku gusesengura no kujora ibihangano byari byatangiwe. Bwana Jean Claude Kimona ati « nta na rimwe umwanditsi agomba kwishyiramo ko yashoje inkuru ye, ahubwo agomba guhora ashakisha abandi bayisoma, bakamwungura ibitekerezo ». Koko rero, ngo ubwanditsi bw'igitabo ni umurimo utiharirwa n'umuntu umwe, kuko ngo n'inzu y'ubwandikiro bw'ibitabo igira ibyo isaba umuhanzi ko yahindura cyangwa yongeramo.

Ni nayo mpamvu ILLUSAFRICA isaba abo ihugura kwibumbira mu ishyirahamwe, ibyo bahanga bakabikorera hamwe.

Ayo mahugurwa yashojwe tariki ya 15/11/2004. Bwana Dominique Mwankumi ari nawe Perezida wa ILLUSAFRICA yereka abitabiriye uwo muhango ibihangano byabonetse.
Agaruka ku buryo byatangiwe n'uko byagiye binononsorwa buhoro buhoro. Avuga ko hasigaye icyiciro cya kane cy'amahugurwa, kugira ngo ILLUSAFRICA/ Rwanda igire ubushobozi buhagije bwo gutunganya ibitabo by'abana. Bwana Dominique Mwankumi yanaboneyeho umwanya wo gusaba intumwa za Leta n'iz'imiryango inyuranye yari aho, gufasha abahugurwaga kugira ngo ibyo bize bigirire akamaro abana b'abanyarwanda by'umwihariko, ndetse n'ab'ahandi.

Intumwa ya Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco, yashimye ibyagezweho; inashimira abagize uruhare kugira ngo ayo mahugurwa agende neza. Ati «ibyo mukora ni umurimo wagombye n'ubundi gukorwa n'iyi Minisiteri, tubashimiye iyo nkunga, kandi turabizeza ko tuzabashyigikira ».

Mukanyandwi Béatrice